4.4. Uremerera kandi uhaye Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse uburenganzira bwo kugenzura amakuru yawe bwite yahawe na MTN RWANDA hakurikijwe ingingo ya 4.3 irebana n'amakuru yakirwa avuye mu kigo cy'Igihugu cy'Irangamuntu NIDA, kigengwa na Leta y'u Rwanda.

4.5. Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse gifite uburenganzira bwo gusaba amakuru yisumbuye bijyanye n'ubusabe bwawe bwo gufata ubwishingizi bwo kuzigama igihe icyo ari cyo cyose. Kunanirwa gutanga ayo makuru mu gihe wayasabwe bishobora kuganisha ku kwangirwa n'Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse guhabwa ubwishingizi wasabye.

4.6. Icyemezo cy'Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse cy'ubusabe bwawe k'ubwishingizi bwo kuzigama, kizoherezwa mu butumwa bugufi kuri Nomero ya Telefoni igendanwa.

## 5. UBWISHINGIZI BWO KUZIGAMA

Nk'umufatabuguzi w'ubwishingizi bwo kuzigama, uzahabwa uburenganzira, hashingiwe kuri aya mategeko n'amabwiriza, kugira ngo ubashe kuzigama amafaranga yawe uyavanye kuri mobile money no kuyabikuza ava kuri RADIANT YACU Ltd ukayashyira kuri konti yawe ya mobile money hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga. Kugira ngo utangire gukoresha ubwishingizi bwawe bwo Kuzigama, ugomba guhitamo ahanditse Izigamire, cyangwa ahandi haboneka hajyanye n'iyo mpamvu ku Rutonde rw'Ibikubiye muri Sisitemu ya RADAINT YACU Ltd, hanyuma wishyure Umubare w'Amafaranga witeganyirije ukoresheje Konti yawe ya MobileMoney .

5.1. Mu gihe cyo gutangira gukoresha no kohereza neza ingano y'Amafaranga wizigamiye, uzahabwa ubutumwa bugufi bwemeza icyo gikorwa.

5.2. Igihe cy'Ubwizigame nikigera ku musozo, Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse kizashyira ingano y'amafaranga hamwe n'inyungu yayo yemeranyijweho kuri telefoni yawe ubisabye hakoresheje sisitemu.

5.3. Ikibazo cyangwa imbogamizi iyo ari yo yose ushobora guhura nayo bijyanye no Kuzigama bizakemurwa n'ikigo cy'ubwishingizi buciriritse binyuze ku Murongo wo Kwita ku Bakiliya wa RADIANT YACU Ltd. Kugira ngo ubashe kubona amafaranga wazigamye, Umukiliya azabisaba Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse abinyujije kuri Sisitemu yo Kuzigama aho ahitamo uburyo bwo kubikuza amafaranga cyangwa ubundi buryo yakoresha buri kuri Sisitemu yo Kuzigama kubera iyo mpamvu yo Kubikuza Amafaranga.

5.4. Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse kizashyira Ingano y'amafaranga n'inyungu yayo kuri Konti yawe ya mobile money igihe wasabye kubikuza. Nyamara ariko, haramutse hajemo imbogamizi mu kubikuza, wamenyesha RADIANT YACU Ltd ikagufasha mugihe kitarenze amasaha 48 uhereye igihe wabisabiye.

5.5. Mu gihe umaze gusoza Ubusabe bwawe bwo kubikurirwa amafaranga, uzamenyeshwa n'Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse mu buryo bw'Ubutumwa Bugufi ko amafaranga n'inyungu yayo byoherejwe kuri Konti yawe isanzwe ya mobile money.

5.6. Ushobora kureba amafaranga umaze kwizigamira ukoresheje uburyo bwo Kureba ayo Ufiteho cyangwa ubundi buhari ku bw'iyo gahunda mu bikubiye muri Sisitemu yo Kuzigama ukoresheje telefoni yawe. Uzahabwa Sisitemu ya USSD cyangwa Ubutumwa Bugufi bugaragaza amafaranga ufite kuri Konti yo Kuzigama

5.7. Hashingiwe kuri aya mategeko n'amabwiriza ushobora gusaba Ikigo cy'ubwishingizi buciriritse kwiguriza kuyo ugejemo cyangwa kubikuza amafaranga yawe yose ukoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga kuri telefoni yawe.

